



# IMYIFATIRE —MU RUGENDO— N'AMATEGEKO ARUGENGA.

Kinyarwanda

كينيارواندي

### Partners in Implementation



Content  
Association



Rowad  
Translation



Byenah



IslamHouse

This publication may be printed and disseminated by  
any means provided that the source is mentioned and  
no change is made to the text.

Tel : +966 50 244 7000  
info@islamiccontent.org  
Riyadh 13245-2836  
www.islamiccontent.org

## **IMYIFATIRE MU RUGENDO N'AMATEGEKO ARUGENGA.**

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah  
Nyagasani w'ibiremwa byose,  
amahoro n'imigisha bisakare ku  
Ntumwa yacu Muhamad, no ku  
bantu be n'abasangirangendo bayo  
bose.

**Nyuma y'ibyo:**

**Ubu ni ubutumwa mu ncamacye  
ku byerekeranye n'imyifatire  
ikwiye kuranga umuntu uri mu  
rugendo ndetse n'amategeko  
abigenga, twaharaniye  
kugaragaza ibyo umuntu uri ku  
rugendo akunze gucyenera.**

Allah niwe dusaba ko yabugira  
ubukozwe kubera we  
Nyir'ubutagatifu, kandi bukagirira  
akamaro abayisilamu bose.

**Ubu butumwa bwateguwe n'akanama  
k'ubumenyi mu muryango ushinzwe  
gusakaza inyigisho za Kisilamu mu  
ndimi zitandukanye.**

# ICYA MBERE: IMYIFATIRE IGENGA UMUNTU URI KU RUGENDO.

Birakwiye ko umuntu uri ku rugendo rwo mu mutambagiro mutagatifu cyangwa se n'ibindi bikorwa byo kwiyegezeza Allah yita kuri ibi bikurikira:

1

**Gusaba Allah kuguhitiramo igihe gikwiye, n'icyo kugenderaho, n'uzaguherekeza, ndetse n'inzira werekeramo igihe inzira ari nyinshi. Kandi akagisha inama inzobere n'abantu bakora ibikorwa byiza.**

Naho urugendo rw'umutambagiro mutagatifu mukuru (Hijjat) n'umuto (Umrat) byo nta gushidikanya ko ari nziza. N'uburyo gusaba Allah ko aguhitiramo bikorwmo nuko asali rakat ebyiri, yarangiza agasaba ubusabe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigishije.





2

**Umuntu ugiye gukora umutambagiye mukuru (Hidjat) n'umuto (Umrat) ni itegeko kuri we ko uwo mutambagiye agiye gukora aba agamije gushimisha Allah Nyir'ubutagatifu wenyine no kumwiyegereza,**

ntabe agamije iby'isi birangira cyangwa se kwiyerekana, cyangwa se kwegukana amazina runaka, cyangwa se gushimwa no kuvugwa n'abantu. kubera ko ibyo byose byaba impamvu y'uko ibyo akoze biba imfabusa ndetse ntibinakirwe.

**Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati:**

﴿قُلْ إِنَّمَا أَنَا بَشَرٌ مِّثْلُكُمْ يُوحَىٰ إِلَيَّ أَنَّمَا إِلَهُكُمُ إِلَهٌ وَاحِدٌ فَمَن كَانَ يَرْجُوا لِقَاءَ رَبِّهِ فَلْيَعْمَلْ عَمَلًا صَالِحًا وَلَا يُشْرِكْ بِعِبَادَةِ رَبِّهِ أَحَدًا﴾

"Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Mu by'ukuri njye ndi umuntu nkamwe. Nahishuriwe ko Imana yanyu ari Imana imwe rukumbi (Allah). Bityo, uwiringiye kuzahura na Nyagasani we, aje akora ibikorwa byiza, kandi ntazagire ikindi asenga akibangikanyije na Nyagasani we." [Surat Al Kah'f: 110]

**No muri Hadithi Ntagatifu iragira iti:**

«أَنَا أَغْنَى الشُّرَكَاءِ عَنِ الشِّرْكِ، مَنْ عَمِلَ عَمَلًا أَشْرَكَ فِيهِ مَعِيَ غَيْرِي تَرَكْتُهُ وَشِرْكُهُ»

“Njye ndihagije ntacyo ncyeneye ku byo bambangikanya nabyo; uzakora igikorwa akakimbanyikanyamo n'ikindi kitari njye nzamureka n'ibangikanyamana rye.”



3

**Umuntu ugiye gukora umutambagiye mukuru (Hidjat) n'umuto (Umrat) ni itegeko kuri we kubanza kwihugura amategeko awugenga,**

ndetse n'amategeko y'urugendo mbere y'uko arutangira, kugira ngo atazareka igikorwa cy'itegeko cyangwa se akagwa mu cyaha kiziririjwe. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«مَنْ يُرِدِ اللَّهُ بِهِ خَيْرًا يُفَقِّهْهُ فِي الدِّينِ».

"Uwo Allah ahitiyemo ibyiza, amushoboza gusobanukirwa idini." <sup>2</sup>

4

**Umuntu ugiye gukora umutambagiye mukuru (Hidja) n'umuto (Umrat) ni itegeko kuri we guhitamo umutungo uziruye utaziririjwe uzamufasha muri ibyo bikorwa,**

kubera ko Allah ari mwiza kandi atajya yemera usibye ibyiza, no kubera ko umutungo uziririjwe ari imwe mu mpamvu zo kutakirirwa ubusabe.

5

**Kwicuza ibyaha byose n'amakosa, n'iyo afite iby'abandi atabishyuye agomba kubibaha,**

agakiranuka nabyo, byaba ibyubahiro cyangwa se imitungo cyangwa se n'ibindi.

6

**Umuntu uri ku rugendo ni byiza gusiga yanditse umurage,**

n'ibyo abandi bamugomba ndetse n'ibyo nawe abagomba; Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«مَا حَقُّ امْرِئٍ مُسْلِمٍ لَهُ شَيْءٌ يُوصَى فِيهِ يَبِيتُ لَيْلَتَيْنِ إِلَّا وَوَصِيَّتُهُ مَكْتُوبَةٌ عِنْدَهُ»

"Ntibikwiye ku muyisilamu ufite ikintu ashobora kuba yatangaho umurage (nk'umutungo, amadeni...) kumara amajoro abiri usibye ko umurage we ugomba kuba yawanditse awufite." <sup>3</sup>

2- [Yakiriwe na Bukhari (2738), na Muslim (1627).

3- Yakiriwe na Abu Dawud, numero (4833).

Kandi akawutangira abagabo, ndetse akanishyura amadeni afitiye abandi, agasubiza indagizo ba nyirazo cyangwa se akabasaba uburenganzira bwo kudahita azibasubiza.

7

**Ni byiza ku muntu ugiye mu rugendo gukora ibishoboka agatoranya umuherekeza mwiza, agaharanira ko yaba ari umwe mu bashaka ubumenyi bw'idini,**

kubera ko ari imwe mu mpamvu zo kumushoboza no kwirinda kugwa mu makosa igihe ari mu rugendo cyangwa se mu mutambagiro we mukuru n'umuto, kubera Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«الرَّجُلُ عَلَى دِينِ خَلِيلِهِ، فَلْيَنْظُرْ أَحَدُكُمْ مَنْ يَخَالِلُ»؛

"Buri muntu aba ari mu idini ry'umukunzi we, na buri wese muri mwe ajye ashishoza arebe uwo akundana nawe." <sup>4</sup>

No kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«لَا تَصَاحِبْ إِلَّا مُؤْمِنًا، وَلَا يَأْكُلْ طَعَامَكَ إِلَّا تَقِيٌّ».

"Ntuzagendane n'undi muntu utari umwemeramana, kandi nti hazagire umuntu urya ku byo kurya byanyu usibye umutinyamana." <sup>5</sup>

4- Yakiriwe na Abu Dawud, numero (4832), na Tirmidhiy numero (2395).

5- Yakiriwe na A-Twabaraniy, numero (823).

8

**Ni byiza ko umuntu ugiye mu rugendo  
asezera ab'iwe, n'abaturanyi be,**

n'inshuti ze. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«مَنْ أَرَادَ أَنْ يُسَافِرَ فَلْيَقُلْ لِمَنْ يُخَلِّفُ: أَسْتَوْدِعُكُمُ اللَّهَ الَّذِي لَا يُضِيعُ وَدَائِعَهُ».

"Umuntu uzashaka kujya mu rugendo ajye abwira abo asize inyuma ati: ASTAW'DIUKUMULLAHU LADHI LA YUDW'IUU WADA-IA'HU: Mbaragije Allah we utajya atererana abo aragijwe."<sup>6</sup>

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isezera abasangirangendo bayo, iyo umwe muri bo yabaga ashatse kujya mu rugendo igira iti:

«أَسْتَوْدِعُ اللَّهَ دِينَكَ وَأَمَانَتَكَ وَخَوَاتِيمَ عَمَلِكَ».

"ASTAW'DI-ULLAHA DIINAKA, WA AMANATAKA, WA KHAWATIIMA AMALIKA: Ndagije Allah ukwemera kwawe, n'indagizo zawe, n'iherezo ry'ibikorwa byawe."<sup>7</sup>

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ibwira umwe mu bagiye mu rugendo uyisabye ko yamugira inama igira iti:

«رَوِّدَكَ اللَّهُ التَّقْوَى، وَغَفَرَ ذَنْبَكَ، وَيَسِّرْ لَكَ الْخَيْرَ حَيْثُ مَا كُنْتَ»

"Allah aguhe impamba yo kumutinya, anakubabarire ibyaha byawe, ndetse anakorohereze ibyiza byose aho uzaba uri hose."<sup>8</sup>

6- Yakiriwe na Ahmad mu gitabo cye Al Musnad, numero (4524).

7- Yakiriwe na Tirmidhiy, numero (3444).

8- Yakiriwe na Ahmad mu gitabo cye Al Musnad, numero (9724).

Umugabo umwe yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ashaka gukora urugendo nuko aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Mpa impanuro. Nuko iramubwira iti:

«أَوْصِيكَ بِتَقْوَى اللَّهِ، وَالْكِبِيرِ عَلَى كُلِّ شَرَفٍ» فَلَمَّا مَضَى قَالَ: «اللَّهُمَّ ارْزُلْهُ الْأَرْضَ، وَهَوِّنْ عَلَيْهِ السَّفَرَ».

"Nguhaye impanuro zo gutinya Allah, no kujya uvuga ALLAH AKBAR igihe cyose ugeze ahirengeye." Ubwo yari amaze kugenda Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Nyagasani Mana muhinire isi urugendo rube rugufi, unarumworohereze.<sup>9</sup>

9

**Ntiyitwaza mu rugendo rwe inzogera, inanga n'imbwa;**

kubera imvugo yaturutse kwa Abu Hurayrat yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

«لَا تَصْحَبِ الْمَلَائِكَةَ رُفَقَةً فِيهَا كَلْبٌ وَلَا جَرَسٌ».

"Abamalayika ntibaherekeza abantu bagendana n'imbwa cyangwa se inzogera."<sup>10</sup>



9- Yakiriwe na Muslim, kuri numero (2113).

10- Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (2593), na Muslim kuri numero (2770).



10

**Iyo ashatse kujyana n'umwe mu bagore be, igihe afite abarenze umwe, abakoresha tombola uwo iguyeho akaba ari we bajyana,**

kubera Hadith ya Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati:

«كَانَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: إِذَا أَرَادَ سَفَرًا أَقْرَعَ بَيْنَ نِسَائِهِ، فَأَيُّهُنَّ خَرَجَ سَهْمُهَا خَرَجَ بِهَا مَعَهُ».

"Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashakaga gukora urugendo yakoreshaga tombola hagati y'abagore bayo, uwo iguyeho akaba ari we ijyana nawe."<sup>11</sup>

11

**Ni byiza kuri we gutangira urugendo kuwa kane mu ntangiriro z'amanywa igihe bimworoheye, kubera ko n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ariko yabigenje.**

Ka'ab Ibun Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati:

«لَقَلَّمَا كَانَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يُخْرِجُ إِذَا خَرَجَ فِي سَفَرٍ إِلَّا يَوْمَ الْحَمِيرِ».

"Ni gacye cyane Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashakaga kujya mu rugendo, bitari ku wa kane.".

12

**Ni byiza ku muntu uri ku rugendo gusaba ubusabe bwo kuva mu rugo agiye mu rugendo ndetse no mu bind bihe, maze akavuga ati:**

«بِسْمِ اللَّهِ، تَوَكَّلْتُ عَلَى اللَّهِ، وَلَا حَوْلَ وَلَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللَّهِ، اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ أَنْ أَضِلَّ أَوْ أُضَلَّ، أَوْ أَزِلَّ أَوْ أُزَلَ، أَوْ أَظْلِمَ أَوْ أُظْلِمَ، أَوْ أَجْهَلَ أَوْ يُجْهَلَ عَلَيَّ».

"BISMILLAHI, TAWAKALTU ALA LLAHI, WALA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH; ALLAHUMA INI A-UDHUBIKA AN ADWILA, AW UDWALA, AW AZILA, AW UZALA, AW ADHW'LIMA, AW UDHW'LAMA, AW ADJ'HALA, AW YUDJ'HALA ALAYA: Ku izina rya Allah, niringiye Allah, kandi nta bubasha n'ubushobozi usibye ko ari ibya Allah! Mana Nyagasani ndakwiyambaje ngo undinde kuba naba impamvu y'uko nayoba cyangwa se kuba nayobya undi, cyangwa se kugwa mu byaha naba mbigambiriye cyangwa se ntabigambiriye, cyangwa se kuba nagira uwo mpuguza cyangwa se nahuguzwa, cyangwa se kugira uwo ngirira urugomo cyangwa se ngo ndukorerwe."<sup>12/13</sup>

12- Ni ingorane umuntu yahura nazo mu rugendo. Biri mu gitabo Al If'swaah an Ma'ani A-Swihaah (284/4).

13- Yakiriwe na Abu Dawud, nimeru (5094).



13

**Ni byiza ku muntu ugiye ku rugendo  
gusaba ubusabe bwo ku rugendo, igihe  
yuriye ingamiya, cyanwaga se imodoka,  
cyangwa se indege, cyangwa se n'ibindi  
bigenderwaho, akavuga ati:**

«اللَّهُ أَكْبَرُ، اللَّهُ أَكْبَرُ، اللَّهُ أَكْبَرُ ثُمَّ يَقُولُ: {مُسْبَحَانَ الَّذِي سَحَّرَ لَنَا هَذَا وَمَا كُنَّا لَهُ مُقْرِنِينَ وَإِنَّا إِلَى رَبِّنَا لَمُنْقَلِبُونَ  
[الزخرف: ١٥]} اللَّهُمَّ إِنَّا نَسْأَلُكَ فِي سَفَرِنَا هَذَا الْبِرَّ وَالْثَقْوَى، وَمِنَ الْعَمَلِ مَا تَرْضَى، اللَّهُمَّ هَوِّنْ عَلَيْنَا السَّفَرَ، وَاطْوِ عَنَّا  
بُعْدَهُ، اللَّهُمَّ أَنْتَ الصَّاحِبُ فِي السَّفَرِ، وَالْحَلِيقَةُ فِي الْأَهْلِ، اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنْ وَعَثَاءِ السَّفَرِ، وَكَآبَةِ الْمُنْظَرِ،  
سُوءِ الْمُنْقَلَبِ فِي الْمَالِ وَالْأَهْلِ...».

"ALLAH AKBAR, ALLAH AKBAR, ALLAH AKBAR,  
SUB'HANA LADHI SAKHARA LANA HADHA WAMA  
KUNA LAHU MUQ'RINIINA WA INA ILA RABINA  
LAMUNQALIBUNA [SURAT A-ZUKH'RUF: 14]. ALLAHUMA  
INA NAS'ALUKA FI SAFARINA HADHA AL BIRA WA  
TAQ'WA, WA MINAL AMALI MA TAR'DWA.  
ALLAHUMA HAWIN ALAYNA SAFARANA HADHA,  
WATW'WI ANA BU'UDAHU. ALLAHUMA ANTA  
SWAHIBU FI SAFARI WAL KHALIFATU FIL AH'LI.  
ALLAHUMA INI AUDHUBIKA MIN WA'ATHA-I  
SAFARI<sup>14</sup>, WAKA-ABATIL MAN'DHWARI<sup>15</sup>, WASU-IL  
MUN'QALABI<sup>16</sup> FIL MALI WAL AH'LI<sup>17</sup> : Allah asumba  
byose, Allah asumba byose, Allah asumba byose.  
Ubutagatifu ni ubwa Allah, We watworohereje ibi tutari  
kubyishoborera, kandi kwa Nyagasani wacu ni ho  
tuzasubira. Mana Nyagasani turagusaba muri uru  
rugendo rwacu ibyiza no kugutinya, no gukora ibikorwa  
wishimira. Mana Nyagasani tworohereze uru rugendo,  
unaruduhinire rube rugufi. Mana Nyagasani ni wowe  
Muherekeza mu rugendo, n'umusigire ku banjye nsinze  
mu rugo. Mana Nyagasani nkwikinze ngo undinde  
imvune z'urugendo n'indoro mbi, ndetse n'iherezo ribi  
mu mutungo no mu muryango."

14- Ni ukugaragara nabi no kugira agahinda. Biri mu gitabo Al If'swaah an Ma'ani A-Swihaah (284/4).

15- Ni uguhindukira. Biri mu gitabo Al If'swaah an Ma'ani A-Swihaah (284/4).

16- Yakiriwe na Ahmad mu gitabo cye Al Musnad, numero (6374).

17- Yakiriwe na Bukhari, numero (2998).



14

**Ni byiza ko umuntu ugiye mu  
rugendo atagenda wenyine nta  
muherekeza,**

kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe  
amahoro n'imigisha) igira iti:

«لَوْ يَعْلَمُ النَّاسُ مَا فِي الْوَحْدَةِ مَا أَعْلَمُ مَا سَارَ رَاكِبٌ بِلَيْلٍ وَحْدَهُ».

"Iyo abantu bamenya ibyo nzi biba ku  
muntu ugenda wenyine, nta muntu  
wari kujya agenda ku rugendo nijoro  
ari wenyine."<sup>18</sup>

“

15

## **Abari ku rugendo bitoramo ubayobora,**

kugira ngo abahurize hamwe,  
binatume bashyira hamwe, ndetse  
bitume bagera ku ntego yabo.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe  
amahoro n'imigisha) yaravuze ati:

«إِذَا خَرَجَ ثَلَاثَةٌ فِي سَفَرٍ فَلْيُؤَمِّرُوا أَحَدَهُمْ».

"Abantu batatu nibajya mu  
rugendo bajye bitoramo  
umuyobozi."<sup>19</sup>

”





16

**Umuntu uri ku rugendo akwiye gushishikarira kubahiriza ibyo Allah yamutegetse no kwirinda ibyo yamuziririje, ndetse akanarangwa n'imico myiza;**

aba akwiye gufasha no gutera inkunga ubicyeneye, ndetse akanaha ubumenyi ubumusabye ubucyeneye, akagira ubuntu mu mutungo we, akawutanga mu bimufitiye akamaro, n'ibigafitiye abavandimwe be ndetse no mu byo bacyeneye.

17

**Ni byiza umuntu uri ku rugendo kurushaho kongera ibyo acyeneye mu rugendo,**

kubera ko hari ibishobora kumubaho, ibintu bigahinduka.



18

**Ni byiza umuntu uri ku rugendo kuba acyeye mu buranga,**

nta mwaga, afite umutima mwiza, ndetse no guharanira gushimisha abandi bari kumwe, kugira ngo abisanzureho nabo bamwisanzureho.

19

**Ni byiza ku muntu uri ku rugendo kwihanganira ibyamubaho nk'imyitwarire mibi y'abo bari kumwe, no kunyuranya n'igitekerezo cye,**

akababanira mu buryo bwiza, kugira ngo bamwubahe imbere yabo.

20

**Ni byiza ko iyo abagenzi bagize aho bashyikira bajya hamwe,**

kubera ko bamwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo bageraga ahanu, buri wese yanyuraga ukwe bakajya mu bibaya n'imisozi, **nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti:**

“

«إِنَّ تَفَرُّقَكُمْ فِي الشَّعَابِ وَالْأَوْدِيَةِ إِنَّمَا ذَلِكَ مِنْ الشَّيْطَانِ».

"Mu by'ukuri gutandukana kwanyu mukajya mu bibaya n'imisozi mubiterwa na Shitani."<sup>20</sup>

”

Nyuma yaho bajyaga baba hamwe, kugeza ubwo n'iyi wabaramburira igitambaro bagikwirwaho.





21

**Ni byiza ko umuntu uri ku rugendo iyo ageze ahantu asaba bumwe mu busabe bwizewe buturuka ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bugira buti:**

«أَعُوذُ بِصَلَوَاتِ اللَّهِ النَّامَاتِ مِنْ شَرِّ مَا خَلَقَ»:

"AUDHU BIKALIMATILAHITAMAT MIN SHARI MAKHALAQA: Nikinze ku magambo ya Allah yuzuye kugira ngo andinde ibibi by'ibyo yaremye." <sup>21</sup>

Kubera ko iyo avuze atyo nta kintu cyamugirira nabi kugeza ubwo avuye aho ngaho.

22

**Ni byiza ku muntu uri ku rugendo kuvuga ALLAH AKBAR (Allah asumba byose) buri uko ageze ahazamuka, yagera ahamanuka no mu bibaya agatagatifuza Allah agira ati: SUBHANALLAH (Ubutagatifu ni ubwa Allah); Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati:**

«يَا أَيُّهَا النَّاسُ ارْجِعُوا عَلَى أَنْفُسِكُمْ فَإِنَّكُم لَا تَدْعُونَ أَصَمَّ وَلَا غَائِبًا إِنَّهُ مَعَكُمْ إِنَّهُ سَمِيعٌ قَرِيبٌ»:

"Iyo twazamukaga ahazamuka twavugaga ALLAH AKBAR, TWAMANUKA TUKAVUGA SUBHANALLAH." <sup>22</sup>

Ntibavuga ALLAH AKBAR mu majwi aranguruye, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

"Yemwe bantu! Mwiyoherereze kubera ko mutari gusaba igipfamatwi, cyangwa se udahari, ahubwo ari kumwe namwe yumva bihebuje kandi ari bugufi yanyu." <sup>23</sup>

23

**Ni byiza ku muntu uri ku rugendo mu ijoro, kugenda mu ntangiriro zaryo; kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:**

«عَلَيْكُمْ بِاللَّحْجَةِ فَإِنَّ الْأَرْضَ تُظَوَّى بِاللَّيْلِ»:

"Mujye mugenda mu ntangiriro z'ijoro, kubera ko mu ijoro isi irahinwa ikaba ngufi." <sup>24</sup>

21- Yakiriwe na Bukhari, numero (2994).

22- Yakiriwe na Bukhari, numero (2993).

23- Yakiriwe na Abu Daud, numero (2571).

24- Yakiriwe na Ahmad mu gitabo cye Al Musnad, numero (10771).



## 24 Ni byiza ku muntu uri ku rugendo gusaba kenshi,

kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«ثَلَاثَ دَعَوَاتٍ مُسْتَجَابَاتٌ لَا شَكَّ فِيهِنَّ دَعْوَةُ الْمَظْلُومِ، وَدَعْوَةُ الْمُسَافِرِ، وَدَعْوَةُ الْوَالِدِ عَلَى وَلَدِهِ».

**"Ubusabe butatu  
bwakirwa nta  
gushidikanya:  
Ubusabe  
bw'uwahugujwe,  
n'ubusabe bw'uri ku  
rugendo, n'ubusabe  
umubyeyi asabiye  
umwana we." 25**

# ICYA KABIRI: URI KU RUGENDO AGOMBA KURANGWA N'ISUKU.



## Ni itegeko ku muntu

uri ku rugendo kwita ku isuku ye, agatawaza igihe abisabwa, ndetse akaniyuhagira ijanaba.



## Iyo nta mazi abonye,

cyangwa se akaba afite macye acyeneye ku nywa no gukoresha mu byo kurya, .yisukuza igitaka (Tayamam)



Ni ugushyira ibiganza ku butaka, ukabihanaguza mu buranga, no hejuru y'ibiganza.



## Uburyo kwisukuza igitaka bikorwamo:



## Kwisukuza igitaka ni iby'agateganyo,

kubera ko igihe cyose amazi abonecyeye ya suku y'igitaka iba ibaye imfabusa, icyo gihe niyo aba ategetswe kwisukuza. Iyo rero yisukuje igitaka kubera ijanaba hanyuma amazi akaboneka,

**aba ategetswe kwiuhagira, n'iyoyisukuje igitaka amaze kwituma hanyuma amazi akaboneka aba agomba gutawaza. Byaje no muri Hadith ahagira hati:**

«الصَّعِيدُ الظَّيْبُ وَضَوْءُ الْمُسْلِمِ وَإِنْ لَمْ يَجِدِ الْمَاءَ عَشْرَ سِنِينَ، فَإِذَا وَجَدَ الْمَاءَ فَلْيَتَنَّقِ اللَّهَ، وَلْيَمْسَهُ بِشَرَّتِهِ».

"Itaka umuyisilamu yemerewe kuryisukuza kabone n'ubwo atabona imyaka icumi, ariko nabona amazi ajye atinya Allah, yisukuze amazi ku mubiri we." <sup>26</sup>

## **Guhanagura ku masogisi acoze mu ruhu (Khufi)**

byavuzwe muri Qur'an, no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ndetse n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana babyemeranyijweho.

## **Kugira ngo guhanagura ku masogisi acozwe mu ruhu (Khufi) n'ibindi nkabyo byemerwe bigira amabwiriza akurikira:**

**1.**

Kuba amasogisi acoze mu ruhu (Khofu) cyangwa amasogisi yo mu mwenda bifite isuku ndetse binemewe kuba wabyambara.

**2.**

Kuba yabyambaye yamaze kwisukura (Udhu).

**3.**

Kuba byambitse ibice by'itegeko ategetswe kwisukura.

4. Guhanagura amasogisi ni ku isuku yoroheje igusaba gutawaza, ariko igusaba kwiyuhagira nk'ijanaba n'ibindi icyo gihe ni itegeko kwiyuhagira.

5. Guhanagura bikorwa mu gihe runaka cyagenwe ni amanywa n'ijoro ku muntu utari ku rugendo, **n'amanywa n'amajoro atatu ku muntu uri ku rugendo.** Iki gihe nk'uko byaje mu mvugo z'impamo gitangira ku nshuro ya mbere yahanaguye ashaka isuku, kikarangirana n'amasaha makumyabiri n'ane ku muntu utari ku rugendo, **n'amasaha mirongo irindwi n'abiri ku muntu uri ku rugendo.**





## Guhanagura ku masogisi byangizwa na kimwe muri ibi bintu bitatu:

1. Iyo agize umwanda umusaba kwiuhagira nk'ijanaba, icyo gihe guhanagura kwe biba imfabusa, aba agomba kwiuhagira.

2. Iyo ayiyambuye nyuma yo kuyahanagura.

3. Iyo igihe cyo kuyahanagura cyemewe mu mategeko cyarenze, guhanagura biba imfabusa.

\* \* \*






## ICYA GATATU: AMATEGEKO AGENGA KUGABANYA UMUBARE WA RAKA Z'ISWALAT KU MUNTU URI KU RUGENDO.

**Kugabanya raka z'iswalat ku muntu uri ku rugendo ni byo byiza kuruta kuyisali wuzuza umubare wa rakat,**

ariko n'iyu umuntu uri ku rugendo asayi azuzura nk'iswalat ya rakat enye agasali enye, iswalat ye iba yemewe, n'ubwo aba anyuranyije n'ibyiza.

**Umuntu uri ku rugendo agabanya umubare wa rakat z'iswalat igihe arenze agace cyangwa se umujyi atuyemo,**

iyi ikaba ari imvugo ya benshi mu bamenyi.





**Ariko iyo akoze urugendo nyuma y'uko  
igihe cyo gusali kigeze yemerewe  
kugabanya rakat,**

kubera ko yatangiye urugendo mbere y'uko  
igihe cy'iyo swalat kirangira.

**Naho gusalira hamwe iswalat yo ku  
manywa**

(A-dhuhuri)  
n'iyo ku  
gicamunsi (Al  
Aswri),

cyangwa se iya ni  
mugoroba (Al  
Maghrib) n'iya  
nijoro (Al Isha-i),

niwo mugenzo w'umuntu uri ku rugendo iyo  
ariko abihisemo, iyo urugendo rwamubanye  
rurerure akirurimo, agahitamo gukora  
ibimworoheye akaba yazibanza zombi  
cyangwa se akazicyereza.



## **Ariko iyo uri ku rugendo adacyeneye gufatanya iswalat ebyiri yemerewe kudafatanya,**

nko kuba yaba ageze ahantu adashaka kuva cyeretse igihe cy'iswalat ikurikiraho kigeze, icyo gihe ibyiza kuri we ni ukutazifatanya kuko atabicyeneye; niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itigeze ifatanya iswalat ubwo yari igeze ahitwa Mina mu mutambagiro wayo wa nyuma yakoze kuko itari ibicyeneye.

## **Naho ku birebana n'iswalat z'imigereka**

uri ku rugendo yazisali nk'uko n'utaruriho azisali, yemerewe gusali iswalat yo ku gasusuruko, n'ibihagararo by'ijoro, n'iswalat y'igiharwe (Wit'ri) ndetse n'izindi z'imigereka usibye iz'iswalat y'amanywa (Adhuhuri) n'iza nimugoroba (Maghrib) n'iza nijoro (Al Isha-i), umugenzo mwiza nuko atazisali.

## **Biremewe gukora iswalat y'umugereka ku kigenderwaho**

mu rugendo nk'indege, imodoka, ubwato n'ibindi bagendaho mu rugendo. Naho iswalat y'itegeko ni itegeko kubanza kururuka cyeretse bidakunda.



## Iswalat umuntu uri ku rugendo asariye inyuma y'utari ku rugendo iremewe,

icyo gihe ayisari yuzuza umubare wa rakat umuyoboye asaye, yaba yatangiranye nawe, cyangwa se asanze asigaje raka imwe, cyangwa se munsu yazo, kabone n'iyoyamusanga ku nyicaro y'ubuhamya ya nyuma ariko ataravugaga indamutso y'amahoro isoza iswalat, icyo gihe yuzuza umubare wa rakat. Ibi bikaba ari nabyo by'impamo mu mvugo ebyiri zavuzwe n'abamenyi ku byerekeranye nabyo.

ICYA KANE: IMYIFATIRE IKWIYE KURANGA  
UMUNTU UVUYE MU MUTAMBAGIRO MUKURU  
(HIDJAT) CYANGWA SE UMUTO (UMRAT)  
CYANGWA SE UVUYE MU RUGENDO.

## Aba akwiye kugaruka vuba ntatinde mu rugendo nta mpamvu,

kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe  
amahoro n'imigisha) igira iti:

«السَّعْرُ قِطْعَةٌ مِنَ الْعَذَابِ، يَمْنَعُ أَحَدَكُمْ طَعَامَهُ وَثَرَاتَهُ وَنَوْمَهُ، فَإِذَا قَضَى  
نَهْمَتَهُ فَلْيُعِجِّلْ إِلَى أَهْلِهِ».

"Urugendo ni kimwe mu bice  
by'ibihano, bibuza umwe muri  
mwe kurya no kunywa n'ibitotsi;  
iyo asoje ibyamujyanye aje  
yihutira gusubira mu be." <sup>27</sup>

## Iyo ashatse kugaruka mu gihugu cye, yurira ikigenderwaho cye agasaba ubusabe bukoresha akanangeraho agira ati:

«أَيُّبُونَ تَأْيِبُونَ غَائِبُونَ لِرَبِّنَا حَامِدُونَ».

"AYIBUNA, TAIBUNA, ABIDUNA, LIRABINA  
HAMIDUNA: Turagarutse, twicujije, turi abagaragu  
ba Nyagasani wacu kandi tumusingiza." <sup>28</sup>

27- Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (1797), na Muslim kuri numero (1342).

28- Yakiriwe na Bukhari kuri numero (4116).

**Ni byiza ko mu kugaruka kwe avuye mu rugendo avuga ubusabe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ivuga ivuye ku rugamba, cyangwa se mu mutambagiro mutagatifu mukuru cyangwa se umuto, yageraga ahazamuka ikavuga ngo Imana niyo nkuru (ALLAHU AKBAR) inshuro eshatu, yarangiza ikongeraho igira iti:**

«لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ، وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ، وَلَهُ الْحَمْدُ، وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، آيُبُونَ، تَائِبُونَ، غَائِبُونَ، سَاجِدُونَ، لِرَبِّنَا حَامِدُونَ، صَدَقَ اللَّهُ وَعْدَهُ، وَنَصَرَ عَبْدَهُ، وَهَرَمَ الْأَحْزَابَ وَحْدَهُ».

"LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR; AYIBUNA, TAIBUNA, ABIDUNA, SADJIDUNA LIRABINA HAMIDUNA, SWADAQALLAHU WA'ADAHU, WA NASWARA AB'DAHU, WA HAZAMAL AH'ZABA WAH'DAHU: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa usibye Allah wenyine rukumbi, we udafite uwo babangikanye, niwe Nyir'ubwami, n'ikuzo, kandi niwe Nyir'ubushobozi kuri buri kintu. Turagarutse, twicujije, turi abagaragu ba Nyagasani wacu kandi tumusingiza."<sup>29</sup>



## Ni byiza ku muntu uri ku rugendo akibona umujyi we kuvuga ati:

«أَيُّبُونَ قَائِمُونَ غَائِبُونَ لِرَبِّنَا حَامِدُونَ»

"AYIBUNA, TAIBUNA, ABIDUNA, LIRABINA  
HAMIDUNA: Turagarutse, twicuza, turi  
abagaragu, kandi dusingiza Nyagasani wacu."<sup>30</sup>

Akabisubiramo kenshi kugeza yinjiye mu mujyi we; nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nayo yabigenje.

## Ntakwiye gusanga abantu be mu ijoro iyo amaze igihe kinini atahaba cyeretse abanje kubateguza, akazababwira n'igihe azahagerera ari mu ijoro;

kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabibujije. Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati:

«نَبِيُّ رَسُولِ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنَّ يَطْرُقَ الرَّجُلَ أَهْلُهُ لَيْلًا»

"Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umuntu gutaha asubiye mu be ari mu ijoro."<sup>31</sup>

Mu bugenge bwabyo nk'uko byavuzwe mu yindi mvugo:

«حَتَّى تَمْتَلِئَ النَّعِيَّةُ، وَتَسْجِدَ الْعَبِيَّةُ»

"Ni ukugira ngo umugore abanze asokoze umusatsi we udasokoje, anagoshe imisatsi yo mu myanya y'ibanga (insya)."<sup>32,33</sup>

30- Yakiriwe na Muslim, kuri nimeru (715).

31- Ni umugore uba umaze igihe umugabo we atari ahari agasokoza umusatsi we ndetse akanawusiga amavuta, ndetse no kogosha imisatsi yo mu myanya y'ibanga.

32- Yakiriwe na Muslim, kuri nimeru (715).

33- Yakiriwe na A-Nasa-iy, nimeru (9099).



## No mu yindi mvugo iragira iti:

«نَحْيَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنْ يَظْرُقَ الرَّجُلُ أَهْلَهُ لَيْلًا».

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umuntu gukomangira ab'iwe mu ijoro, atabagwa gitumo cyangwa se akabona inenge zabo."<sup>34</sup>

**Ni byiza ku muntu uvuye ku  
rugendo kubanza ku musigiti  
umwegereye, agasaliramo rakat  
ebyiri nk'uko Intumwa  
y'Imana (Imana iyihe amahoro  
n'immigisha) yajyaga ibigenza.**



## Ni byiza ku muntu uvuye mu rugendo akinisha abana b'iwe, **no mu baturanyi be**, akanabagirira neza igihe baje bamusanga.

Hadith ya Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze iti: Ubwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari igeze i Makat yahuye n'abana bato b'abahungu bo muri bene Abdul Mutwalib, iterura umwe mu biganza bye, n'undi mu mugongo we. Abdullah Ibun Dja'afar (Imana imwishimire) nawe yaravuze ati:

«كَانَ النَّبِيُّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ إِذَا قَدِمَ مِنْ سَفَرٍ ثَلَاثِي بَنًا، قَالَ: قَتَلْتَنِي فِي وَبِالْحُسَيْنِ أَوْ بِالْحُسَيْنِ، قَالَ: فَحَمَلَ أَحَدَنَا بَيْنَ يَدَيْهِ وَالْآخَرَ خَلْفَهُ حَتَّى دَخَلْنَا الْمَدِينَةَ».

"Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yabaga ivuye mu rugendo tugahura nayo; Djabir yaravuze ati: Yahuraga nanjye na Hassan cyangwa se Hussein. Djabir yaravuze ati: Nuko uko umwe ikamuterura mu biganza byayo, undi ikamuheka mu mugongo kugeza twinjiye mu muji wa Madinat."<sup>35</sup>

## Ni byiza gutanga impano kuko bitunganya imitima,

bikanakuraho inzangano, ni na byiza kuyakira kandi ntibyemewe kuyanga nta mpamvu yemewe n'amategeko ihari. Niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

«تَهَادُوا تَحَابُّوا».

"Mujye muhana impano bizatuma mukundana."<sup>36</sup>

Impano ni imwe mu mpamvu zongera urukundo hagati y'abayisilamu.

35- Yakiriwe na Al Bayhaqiy mu gitabo cye A-Sunan Al Kubura, numero (11946).

36- Yakiriwe na A-Twabaraniy mu gitabo cye Mu'udjam Al Aw'satw, numero (97).



**Iyo umuntu uvuye ku rugendo ageze  
mu gihugu cye, biba byiza iyo  
ahoberanye n'abandi,**

nkuko byashimangiwe biturutse ku basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nkuko Anas (Imana imwishimire) yabivuze agira ati:

**"Iyo abasangirangendo baturaga  
barasuhuzanyaga bahanye ibiganza,  
bava ku rugendo bagahoberana."<sup>37</sup>**

**Amahoro n'imigisha nibisakare ku Ntumwa yacu Muhamadi.**

# Index

|                                                                                                                                                         |    |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----|
| IMYIFATIRE MU RUGENDO N'AMATEGEKO<br>ARUGENGA. ....                                                                                                     | 3  |
| ICYA MBERE: IMYIFATIRE IGENGA UMUNTU<br>URI KU RUGENDO. ....                                                                                            | 4  |
| ICYA KABIRI: URI KU RUGENDO AGOMBA<br>KURANGWA N'ISUKU. ....                                                                                            | 19 |
| ICYA GATATU: AMATEGEKO AGENGA<br>KUGABANYA UMUBARE WA RAKA<br>Z'ISWALAT KU MUNTU URI KU RUGENDO. ....                                                   | 23 |
| ICYA KANE: IMYIFATIRE IKWIYE KURANGA<br>UMUNTU UVUYE MU MUTAMBAGIRO<br>MUKURU (HIDJAT) CYANGWA SE UMUTO<br>(UMRAT) CYANGWA SE UVUYE MU<br>RUGENDO. .... | 27 |

# تعرف على الإسلام

## بأكثر من 100 لغة



موسوعة الأحاديث النبوية  
HadeethEnc.com



ترجمات متقنة للأحاديث  
النبوية وشروحها بأكثر من  
لغة (60)



بيان الإسلام  
byenah.com



مواد منتقاة للتعريف  
بالإسلام وتعليمه بأكثر  
من (120) لغة



موسوعة القرآن الكريم  
QuranEnc.com



ترجمات متقنة لمعاني  
القرآن الكريم بأكثر من  
لغة (75)



موسوعات وخدمات إسلامية باللغات  
s.islamenc.com



للمزيد  
من المواقع الإسلامية  
بلغات العالم



مناخ الإسلام  
islamcontent.com



مواد إسلامية متنوعة  
وشاملة بأكثر من (125)  
لغة



ضيوف الرحمن  
hajjumrh.com



مواد منتقاة للحج  
والمعتمرين والزوار  
بلغات العالم

جمعية خدمة المحتوى  
الإسلامي باللغات



ضيوف الرحمن  
hajjumrh.com

